Résidence du Ruanda
Territoire de Ruhengeri

Ruhengeri le 10 février 1960

Nº. 500/A1.14

K'Umutwàlà w'umusozi Ndabereye Filipo.
MUKO.

Mutwale Ndabereye,

Ndakuramutsa.

Ndakumenyesha ko ugomba kujya aho abakozi bacukura amabuye ukareba igituma KIDEHERI, ababuza kuyacukura, ububasha afite kuluwo mulima bayacukuramo, ukareba kandi akakumvisha icyo bitwara uwo mulima(sinsi ko gukura amabuye mu milima biyonona); ukarora ko hasanzwe bacukurwa amabuye baguze cyangwa bataguze? Nubirangiza uzansubize uko ubibona, umubwire areke abakozi bacukure, niba agomba ikiguzi azaze ku biro bya Bwana A.T. kuwa mbere w'igitaha, azabitunganya neza byose.

Ndifuza igisubizo cyawe mbere yo kuwa kane II saa sita.

Ndi Administrateur TerritorialA Assistant Pp.
Dierckx de Casterlé M.

Ruhengeri
3586

TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI.
RESIDENCE DU RUANDA .
TERRITOIRE DE RUHENGERI.

Ruhengeri le 6/I/1960 .

Ku Batware b'imisozi ( bose.)
Mbinyujije

Mbinyujije kuli Bwana A.T.A.DELRCX de Casterlé

Ndabaramutsa .
Ndabamenyesha ko Bwana Administrateur wa territoire atemeye ko dukomeza gukora recensement k'uburyo mperutse kubereka . Yemeje ko dukomeza uko byali bisanzwe.(n'ukuvuga ko) dukomeza gukulikira numero z'inkubirane .
Ku misozi batangije amaficheyal'asanzwe ntimuzahindure .
Aho yangijwe lero, tuzafatanya kwandika amashya .

Mbasezeye ho .
Umukarani wa recensement
Mubiligi Joseph .